REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE GITARAMA
ENCADREMENT DE LA JEUNESSE
SPORT; CULTURE ET DE LA
FORMATION PROFESSIONNELLE

Gitarama, le 25/7/1997

N° 43/21°14/04/97

**Objet** : Journée " Campagne de Sensibilisation pour la Paix "

A Monsieur le Coordinateur du projet
" Education civique pour la Paix
la Réconciliation "
K I G A L I.

Sous - couvert de Monsieur le
Préfet de préfecture.

Monsieur le Coordinateur,

J'ai l'honneur de vous transmettre en annexe de la présente le rapport du déroulement des activités de la journée consacrée à la sensibilisation et à la mobilisation de la population rwandaise pour le soutien au projet " Paix et Réconciliation " initié par vos services.

Veuillez recevoir, Monsieur le Coordinateur, l'expression de mes sentiments de franche collaboration.

Encadreur Préfectoral de la
Jeunesse, Sport, Culture et
de la Formation Professionnelle
RUTATIKA Jean de Dieu

# UKO UMUNSI WAHARIWE UMUCO W'AMAHORO TARIKI 20 NYAKANGA 1997 WAGENZE.

Ku ya 20 Nyakanga 1997, kuri "Stade régional" ya Gitarama habereye ibirori by'umunsi wahariwe ubworoherane, ubumwe n'ubwiyunge mu umuco w'amahoro.

Ibyo birori byizihijwe n'amatorero atandatu yaturutse mu makomini atandukanye ya Gitarama: Itorero INGANJI ryo muri Kigoma, amatorero ya komini Murama, Nyamabuye, Kayenzi, Nyakabanda na Mushubati.
By'umwihariko, ibyo birori byari byitabiriwe n'abanyeshuri benshi bo mu mashuri yisumbuye: Ishuri ry'abaforomokazi ry'i Kabgayi, Seminari nto y'i Kabgayi n'Urwunge rw'amashuri rw'i Karama muri Mushubati.
Turetse umubare munini w'abanyeshuri, ibirori byari byitabiriwe n'abaturage b'amakomini ya Nyamabuye na Mushubati hamwe n'abayobozi banyuranye barimo Bwana Perefe wa perefegitura ya Gitarama, Uwungirije umuyobozi w'Ingabo muri perefegitura, Superefe wa Kiyumba, ba Burugumesitiri ba komini Nyamabuye n'uwa Mushubati, Abakuru b'imirimo inyuranye muri perefegitura, Abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye n'abandi.

Ibirori by'uwo munsi byatangijwe na gahunda (défilé) y'abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri yisumbuye bakurikirwa n'abagize amatorero. Nyuma y'iyo gahunda hakurikiyeho indirimbo yubahiriza igihugu cyacu. Burugumesitiri wa komini y'umugi (Nyamabuye) yafashe ijambo maze yerekana abashyitsi bawitabiriye.
Amatorero yahawe umwanya wayo maze mu mikino inyuranye atanga ubutumwa ku umuco w'amahoro. Imikino yarimo intore, abakaraza, ababyinnyi, imivugo, n'amakinamico. Ubutumwa bwatanzwe n'abakinaga bwibanze ku mahoro, umutekano, umubano mwiza n'ubworoherane.

Mu magambo yavuzwe, Umuyobozi wungirije w'Ingabo muri Gitarama hamwe na Bwana Perefe wa perefegitura ya Gitarama bibanze ku mahoro, ubworoherane, ubusabane nk'uko insanganyamatsiko y'umunsi wo kwamamaza no kuzirikana ku umuco w'amahoro yabisabaga. Imikino inyuranye twavuga ko yanejeje cyane abantu ni imbyino z'itorero INGANJI, ingoma zá Nyamabuye n'intore zo muri komini Murama.

Imikino yari yatangiye hafi saa tanu yaje gusozwa igihe cya saa munani n'iminota mirongo ine. Ibirori bimaze guhumuza abari babitumiwemo ndetse n'amatorero bagiye kwiyakira kugirango baninegure.

UMUGEREKA WA MBERE : G A H U N D A

8H30 - 9H30 : Kuhagera kw'abantu

9H30 - 10H00 : "Défilé" y'amatorero

10H00 - 10H05 : Indirimbo yubahiriza igihugu

10H05 - 10H10 : Kwerekana abashyitsi

10H10 - 10H30 : Itorero rya komini Nyamabuye

10H30 - 10H50 : Itorero rya komini Mushubati

10H50 - 11H10 : Itorero rya komini Kayenzi

11H10 - 11H30 : Itorero rya komini Nyakabanda

11H30 - 11H50 : Ijambo ry'Umuyobozi w'Ingabo muri Gitarama - Kibuye

11H50 - 12H10 : Itorero rya komini Murama

12H10 - 12H30 : Itorero INGANJI ryo muri Kigoma

12H30 - 12H50 : Ijambo rya Bwana Perefe wa perefegitura Gitarama

13H00 : Gusoza imihango

## UMUGEREKA WA KABIRI : IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA

| | | |
|---|---|---|
| 1° Gutwara amatorerero | : 30°000 F X 6 = | 180°000 F |
| 2° Kwakira amatorerero | : 20°000 F X 6 = | 120°000 F |
| 3° Kugura amabuye mato yo gukoresha mu indangururamajwi | : 75 F X16 = | 1°200 F |
| 4° Gukurikirana imyiteguro y'amatorerero mu makomini ( 40 Litres d'essence ) | : 230 F X40 = | 9°200 F |
| 5° Agahimbazamusyi k'abateguye bakanatunganya uwo munsi | : 10°000 F X 5 = | 50°000 F |
| 6° Agahimbazamusyi k'abayobozi b'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha imyuga iciriritse mu makomini | : 2°000 F X 6 = | 12°000 F |
| 7° Kwakira abashyitsi | : | = 120°000 F |
| 8° Ibindi(ingendo tuza i Kigali) | : | = 7°600 F |
| | | 500.000 |